IBIGANIRO BYAHUJE ABAPADIRI BA DIYOSEZI YA GOMA N'IYA NYUNDO

Tariki 05/07/2016, abapadiri bahagarariye abandi muri Diyosezi ya Goma na Diyosezi ya Nyundo bahuriye kuri Paruwasi Stella Maris Gisenyi bagirana ibiganiro bijyanye no gushakira kamwe icyatuma abatuye ibi bihugu by'u Rwanda na Repubulika Iharanira Demukarasi ya Congo babaho mu mahoro. Ibyo biganiro byabaye mu rwego rwa komisiyo y'Ubutabera n'Amahoro.

Mu Ijambo ry'ikaze Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA, Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo, yavuze ko ashimira abateguye iki gikorwa.

Yavuze ko Diyosezi ya Nyundo n'iya Goma ari inshuti n'ubwo imipaka yadutandukanije. Uyu mubano umaze igihe kirekire kuva igihe Diyosezi ya Nyundo yayoborwaga na Musenyeri Aloys BIGIRUMWAMI naho iya Goma iyoborwa na Musenyeri BUSIMBA. Tugomba gukora ibishoboka byose tukarwanya amacakubiri aho ava akagera, ku buryo buri wese yakumva aguwe neza. Uyu ni umwanya ubonetse kugira ngo abantu bashyire hamwe ibitekerezo. Dufite inshingano zo gutegura ibikorwa bifasha abaturage b'ibihugu byombi guhura bakaganira mu rwego rwo kubaka amahoro. Yahaye ikaze abaturutse muri Diyosezi ya Goma.

Uhagarariye Komisiyo y'Ubutabera n'Amahoro muri Diyosezi ya Goma yashimiye umwepiskopi wa Nyundo waje gufungura ku mugaragaro ibi biganiro. Yavuze ko uku guhura ari ingenzi mu rwego rwo gushaka amahoro kuko buri wese ayakeneye. Hari byinshi bitera amakimbirane kandi Abasaseridoti bagomba kugira uruhare rukomeye mu gufasha abantu kumenya uburenganzira bwabo no kuburwanira ishyaka, bagomba kandi guhangana n'ikibazo cy'ivangura gikunze kugaragara hirya no hino.

Ikiganiro cyatanzwe na Docteur Eric NDUSHABANDI cyari gifite insanganyamatsiko igira iti: "Comment aider la population de ces deux Diocèses lors du processus électoral ».

Abapadiri bari bahagarariye abandi ba Diyosezi ya Goma bakikije Umwepiskopi wa Diyosezi ya Nyundo

Padiri Emmanuel BAMPORINEZA